# 154: Ndabaririmbira

1. Ndabaririmbira—Iby’Uwamfiriye , Wankunze mfit' ibyaha, narararutse Wambonyemw iki, Krisito, Ukaza mwis’ukamfira ?

2. Yasiz' ingoma ye,—Nukw aramanuka; Baramusuzugura, ntibamwemera.Har’ indi nshuti nka We se Yakund' abayihinyuye ?

3. Baramushingije,—Bashash'imyambaro Ngo, Hozana; hahirw' Umwami Krisito!Bukeye, barahinduka,Bati: Nabambwe ! Nabambwe !

4. Bafash' Umwam’ubwo,—Baramuhemura; Bakiz’umwambuzi, babamba Krisito. Iby'arabyihanganira,Ngw abon' ukw aducungura.

5. Yavuye mw ijuru,—Aza mur' iyi si, Abur' aho yarambik' umusaya we; Amfira ku Musaraba,Ngo nanjy' angeze mw ijuru.

6. Ntabwo nzarambirwa—Kubaririmbira Iby' urukundo rwe n'uko yababajwe. Yanyemeye nk'inshuti ye:Nzavuga hos' izina rye!

Visit us at indirimbo.com